NATIONAL COUNCIL FOR RENEWAL AND DEMOCRACY
CONSEIL NATIONALE POUR LE RENOUVEAU ET LA DEMOCRATIE
INAMA Y'IGIHUGU IHARANIRA IMPINDUKA NA DEMOKARASI

ITANGAZO NO 020/CSD/2020 RY'INAMA NKURU YA GISIRIKARE YA FLN RIGENEWE ITANGAZAMAKURU N'ABANYARWANDA BOSE

- Mu rwego rwo gukuraho urujijo rwabibwe n'abanzi bacu batifuza ko urugamba dushoreye rutera imbere ; aho bakwirakwije ku mbuga nkoranyambaga no ku maradiyo amwe n'amwe ko FLN zacitsemo amashami menshi bagambiriye kwihebesha impunzi ziri hanze ko zitagitashye mu cyubahiro no guca intege Abanyarwanda b'imbere mu gihugu ko batagitabawe.
- Na none mu rwego rwo gushishikariza no kongera kurema icyizere mu banyarwanda ngo bakomeze gushyigikira ingabo za FLN ;
- Imaze kumva ko hari abashaka kwiyitirira ingabo za FLN bagambiriye inyungu zabo bwite no kudindiza urugamba twatangije.
- Inama Nkuru ya Gisirikare ya FLN yateranye ku itariki ya 20 Nzeli 2020 ishimishijwe no gutangariza Abanyarwanda bose ibi bikurikira:

1. Yashimangiye bidasubirwaho ibyatangajwe n'Umugaba mukuru w'ingabo za FLN, Lt Gen HABIMANA HAMADA yahaye Radio TV UBWIYUNGE ku wa 27 Kamena 2020, *https://youtu.be/HfSJIvjPYGY;* n'ibyatangajwe n'Umuhuzabikorwa bya gisirikare muri FLN, Gen Bde JEVA ANTOINE kuri Radio TV UBWIYUNGE kuwa 21 Nyakanga 2020, *https://youtu.be/9u6ICFpKhAo* no ku itangazo rye No 002/COMDT OPS/2020 ryo kuwa 25 Nyakanga 2020.
2. Yongeye kwemeza ko FLN zavutse taliki ya 10 Kamena 2016 mbere y'ivuka rya MRCD-UBUMWE ryo kuwa 04 Nyakanga 2017 binyuranyije n'ibyo abashaka kwiyitirira FLN babeshya ko zavutse muri Gicurasi 2018.
3. Yemeje ko FLN ari zimwe, ko nta yandi mashami ya FLN ariho kandi ko iryo zina ari umwihariko wa CNRD, ko ntawarizambura atararizihaye.
4. Biturutse ku bwumvikane buke bw'abanyepolitike bari bagize impuzamashyaka MRCD, inama yongeye gutangariza Abanyarwanda ko FLN zari zararagijwe MRCD zasubiye muri CNRD guhera tariki ya 27 Kamena 2020.

5. Inama Nkuru ya Gisirikare ya FLN yongeye gusaba Abanyarwanda bose, Intwarane, Inshuti zacu n'abandi bose bafite ubushake bwo kubohoza u Rwanda n'Abanyarwanda ko bakomeza gutera ingabo mu bitugu CNRD/FLN kandi bakima amatwi ibinyoma by'abo bashaka kuducamo ibice no kudukoma mu nkokora muri uru rugamba dushoreye. Yabasabye kandi ko batakongera kunyuza muri MRCD-UBUMWE inkunga cyangwa ubufasha bagenera ingabo za FLN ahubwo ko bazajya babinyuza mu buyobozi bwa CNRD-FLN.
6. Inama Nkuru ya Gisirikare ya FLN yarangije isaba Abanyarwanda bose, Intwarane n'Inshuti zacu gukomeza kugirira icyizere ingabo za FLN kandi ibizeza ko zitazatezuka na rimwe ku ntego ziyemeje, yo kubohoza u Rwanda n'Abanyarwanda.

Muzazigaye guhera ntimuzazigaye gutinda.

Bikozwe Taliki ya 30 Nzeri 2020

ku bw'Inama Nkuru ya Gisirikare ya FLN

Mme UMUBYEYI Francine, Présidente a.i

Lt Gen HABIMANA Hamada, CEM/FLN

Mr. William MUTABAZI, SG CNRD-FLN

Gen Bde JEVA Antoine, Coordinateur Ops FLN

Gen Bde BURAKEYE Francis COMDEF

Gen Bde AYAYO Ferdinand, Comd Sect OPS SUD-KIVU

Col NIYITEGEKA Gilbert, Comd 2nd CFPM

MAJ IRAKIZA Gédéon, Comd Reserve

SLT TAMBURA Steven, PP Adjoint des FLN.